REPUBLIC OF RWANDA
MINISTRY OF ENVIRONMENT

INCAMAKE KU BURYO BW'ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBEREHO

Iyi nyandiko igaragaza uburyo bwo gucunga ingaruka ku bidukikije n'imibereho ku mushinga uzaterwa inkunga n'ikigega mpuzamahanga gitera inkunga imishinga irengera ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe(GCF), ugamije gusubiranya amashyamba n'imiterere y'ahantu ndetse no kongerera ubudahangarwa abaturage bibasiwe n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe mw'isunzu rya Congo Nili ry'u Rwanda. Intego z' uyu mushinga ni uguhindura ubutaka bwangiritse cyangwa bw'amanegeka mu gice cy'Uburengerazuba bw'u Rwanda, kuri ubu budatanga umusaruro ngo bufashe abahinzi bato kugira imibereho myiza.

Minisiteri y'Ibidukikije (MoE) yemewe na GCF gushyira mu bikorwa imishinga itera inkunga igamije guhangana n'ingaruka ku bidukikije n'imibereho iri mu byiciro B na C by'imishinga ya GCF. Minisiteri y'Ibidukikije n'abafatanyabikorwa bayo aribo WCS (Wildlife Conservation Society) na REMA (Ikigo cy'igihugu cyo kubungabunga Ibidukikije) bagaragaje ingaruka ku bidukikije ndetse n'imibereho hakurikijwe amabwiriza ya GCF yo guhitamo imishinga n'ingaruka ifite ku bidukikije n'imibereho hagendewe kubisabwa na GCF mu kugenzura ibipimo ku mibereho n'ibidukikije harimo urutonde rw'ibyitabwaho rwa GCF mu gusesengura ibitera ingaruka. Ibice byose by'umushinga bishobora gutanga inyungu ku matsinda amwe y'abantu ariko ntibibe ku yandi harimo abagore, urubyiruko ndetse n'abo amateka agaragaza ko basigajwe inyuma.

Iryo tandukaniro mu bushobozi bwa buri kiciro bushobora guha urwaho ihohotera rishingiye ku gitsina, gukoreshwa agahato no guhozwa ku nkeke, ingaruka zishobora kugera ku bice byose by'umushinga hadafashwe ingamba zo kuzigabanya. Umushinga ushobora kugira ingaruka ku mibereho ndetse no ku gutakaza ubutaka hashingiwe ku buryo bushya bwo gushyira ubutaka mu byiciro cyangwa gushyira mu bikorwa uko biri amategeko ku mikoreshereze y'ubutaka na pariki, kwimura abatuye ku butaka mu buryo budakurikje amategeko hagamijwe gutera ishyamba/gusazura ndetse no gutakaza ubutaka bwagenewe ubuhinzi bw'ibiribwa.

Ibi byose bikurikira bifite ingaruka ku bidukikije ndetse n'imibereho kandi bikeneye kwitabwaho hakurikijwe aho umushinga uzakorera ndetse n'abagenerwa bikorwa: Gukwirakwira kw'ibihingwa by'ibyaduka mugice cyo gutera amashyamba, imikoreshereze y'amazi mu guhumbika ingemwe, gukora amaterasi hagamijwe gufata ubutaka buterwaho ibiti, kugabanya itakazwa ry'ubutaka bwiza, ihungabana ry'ibinyabuzima byo mu gasozi igihe cyo gutera amashyamba, kongera ubwiyongere bw'imibanire hagati y'abantu n'inyamaswa zo mu gasozi ihinduka ryimibereho y'abaturage, ikorwa ry'imbabura zigira uruhare mu bwiza bw'umwuka.

Mu gihe cy'isuzuma ry'ibanze umushinga wagaragje ko ufite ingaruka ziringaniye ku bidukikije n'imibereho zishyirwa ku rwego rwa B na GCF. (GCF's category B:https://www.greenclimate.fund/documents/screening-categorizing-activities)

Ingaruka zigaragara z'umushinga ziraringaniye ndetse ubukana bw'iz'ingaruka bwari buke bushyira uburinganiye.

Ingaruka zitezwe ni nke mu mibare kandi zigaragara ko zitarenga imbibi z'umushinga mu isunzu rya Congo Nili ndetse naho ibikorwa byose bizakorerwa.

Ingaruka zose zishobora gukumirwa kandi bishoboka ko zagabanywa binyuze mu ngamba zisanzwe. By'umwihariko izi ngamba zo kugabanya ingaruka harimo kwegera abafatanyabikorwa bituma hagaragazwa inyungu buri wese abifitemo no gushyiraho ingamba zo gukumira ingaruka ndetse n'ihezwa ku nyungu z'umushinga, uburyo buboneye bwo gukurikiza no gukurikirana ikurikizwa

ry'amategeko agenga umurimo n'umutekano harimo kurinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina, amahugurwa ku ngamba zo kugabanya ibinyabuzima by'ibyaduka n'ibyorezo ku bimera mu gihe cyo gutera amashyamba.

Ingamba zo kugabanya zirimo kandi gushyiraho uburyo bwo gukemura amakimbirane/ibibazo ku rwego rw'umushinga n'uburyo bunoze bwo guhana amakuru n'abafatanyabikorwa ndetse n'abagenerwabikorwa ku buryo bwo kwinjira muri sisitemu no gutanga ikibazo mu gihe bibaye ngombwa.

Bivuze ko, ingaruka zihariye zishobora kugaragara mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga, igihe umushinga uzakorerwa na porogaramu zihariye zizakorerwamo zemejwe. Kubw'izo mpamvu iyi ni inyandiko y'uburyo bwo gucunga ingaruka ku bidukikije n'imibereho (ESMF) ku rwego rwemerewe (Accredted Entity) kugira ngo bihabwe umurongo wa nyuma mu gusuzuma ingaruka ku bidukikije n'imibereho.

Nyuma hakurikiraho gutanga incamake y'umushinga n'ibasabwa by'ibanze mu mutwe wa 2 na 3 bigaragaza umurongo wa politiki n' amategeko y'u Rwanda ajyanye nabyo no kugaragaza ibyuho ndetse n'ingaruka ku mushinga mu guhuzwa no kubahiriza amabwiriza na politiki bya GCF byerekeye n' ingaruka ku ibidukikije n'imibereho hamwe n'uburyo bunoze bw'uko bikorwa ku isi.

Umutwe wa 4 uvuga ku bitera ingaruka ku mashyamba no ku miterere y'ubutaka bijyanye n'ibibazo umushinga wahura nabyo, ibibazo byagaragazwa n'abafatanyabikorwa mu gihe cy'ibiganiro nkuko cyigaragara mu mutwe 5.

Ingaruka ku bidukikije n'imibereho zishobora kuboneka zagaragajwe mu gihe cy'igenamigambi ry'uyu mushinga nk'uko bigaragara mu mutwe wa 6 ndetse n'uburyo bushoboka bwo kuzigabanya.

Umutwe wa 7 ugaragaza uburyo bw'isuzuma no gucunga ingaruka ku bidukikije n'imibereho bizatanga uburyo ESIA na ESMP bizaba byarateguwe mbere ibikorwa by'umushinga bitangira binyuze mu biganiro no guhuza inzego za leta n'abafanyabikorwa batandukanye.

Umutwe wa 8 ugaragaza ibikorwa by'imishinga mito bizagaragara mu ishyirwamubikorwa ry'umushinga.

Umutwe wa 9 ugaragaza amakuru y'inyongera ku byavuye mu isuzuma ry'ingaruka ku bidukikije n'imibereho umushinga uzagira mu buryo bwagutse, bivuga muri make iby'ingenzi ku ngaruka z'ibanze ku bidukikije n'imibereho ndetse n'inyigo y'ingamba zo kuzigabanya.

Umutwe wa 10 ugaragaza uburyo bwitezwe mu gushyiraho ishami rishinzwe imicungire y'umushinga mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ryawo nk'uko imishinga mito yasobanuwe neza n'aho izakorerwa hatoranyijwe.

Umutwe wa 11 ugaragaza incamake y'ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa mu kugenzura iki gikorwa.

Umutwe wa 12 ugaragaza ishusho y'igenamigambi ryo kwegera abafatanyabikorwa rigaragazwa mu mugereka wa 7 w'imbanzirizamushinga.

Umutwe wa 13 ukubiyemo ibyavuye mu isuzuma ry'imibereho n'ibidukikije by'umwimerere byashyikirijwe GCF bigaragara mu kiciro cya B cy'imishinga.

Umutwe wa 14 utanga umurongo ku nama nyunguranabitekerezo zikemura ingaruka zaturuka ku gukumira abantu ku nyungu z'umushinga.